Kigali on, 11/08/2020
Ref. N^{o}: DIS/1682 /FDA/2020

RWANDA FDA
Rwanda Food and Drugs Authority

P.O. Box 84 Kigali
info@rwandafda.gov.rw
www.rwandafda.gov.rw

Abacuruza Inzoga (Bose)
Abadandaza inzoga (Bose)
Abaturarwanda (Bose)

Bwana/Madamu

Impamvu: **Guhamagaza no guhagarika ikwirakwiza no kunywa inzoga bita MERRY CANE (Gin), 40% v/v, 205 ML**

Hashingiwe ku itegeko N^{o} 003/2018 ryo kuwa 09/02/2018 rishyiraho ikigo cy'igihugu gishinzwe kugenzura ibiribwa n'imiti (Rwanda FDA), cyane cyane mu ngingo ya 8 igika cya 13. Ikigo cy'igihugu gishinzwe kugenzura ibiribwa n'imiti (Rwanda FDA) gihereye ku ngaruka kuri bamwe banyweye ikinyobwa cyavuzwe haruguru, duhereye ku bisubizo byavuye muri laboratwari kumpagararizi (samples) zafashwe aho hagaragaye ko izo nzoga zifitemo metanolo (Methanol) iri ku kigero cyo hejuru ndetse dushingiye k'ubugenzuzi bwakozwe ku ruganda aho uruganda rukora izo nzoga rwafunzwe.

Rwanda FDA ihagaritse ikwirakwizwa, igurishwa ndetse no kunywa icyo kinyobwa cyavuzwe haruguru.

AMAZINA Y'IKINYOBWA	**IZINA RY'URUGANDA**
MERRY CANE (GIN iri mu icupa rya 205 ml, ALC 40% VV)	RWANDA BOTTLERS LIMITED

Icyo dusaba gukora

Ikigo cy'igihugu gishinzwe kugenzura ibiribwa n' imiti (Rwanda FDA) kirasaba:

1. Abagurishaga n'abadandazaga icyo cyinyobwa cyavuzwe haruguru, haba mu tubari no mu ma butike guhagarika kugicuruza; ndetse kubabisigaranye basabwe kubisubiza aho baranguriye;

2. Abaranguzaga icyo cyinyobwa cyavuzwe haruguru bose basabwe kwakira ibyo bagaruriwe bakanatanga raporo y' ibyo baranguye n'ibyo bagaruriwe kuri Rwanda FDA bitarenze iminsi 10;
3. Abaturarwanda bose basabwe kutongera kunywa icyo kinyobwa cyavuzwe haruguru.

Icyitonderwa: -Abantu bashaka gusaba ubusobanuro ndetse no kuduha amakuru bahamagara kuri **0789193529**

-Amafoto yerekana ishusho y'icyo cyinyobwa ari kuri paji ikurikira.

Tubashimiye ubufatanye bwanyu.

Digitally signed by Rwanda FDA (Ag DG)
Date: 2020.08.11 18:03:06 +02'00'

Dr. KARANGWA Charles
Umuyobozi mukuru w'agateganyo

CC:

- **Secretary General/RIB**

RWANDA FDA
Rwanda Food and Drugs Authority

RWANDA FDA
Rwanda Food and Drugs Authority